# FUCORIRWA

**FEDERATION DES UNIONS DES COOPERATIVES RIZICOLES AU RWANDA**
**FEDERATION OF RICE GROWERS COOPERATIVES IN RWANDA**
**IMPUZAMAHURIRO Y'AMAKOPERATIVE Y'ABAHINZI B'UMUCERI MU RWANDA**
B.P. 4890 Kigali-rwanda • Email:fucorirwa@gmail.com

Tél : 0788829641/0789262062

## ITANGAZO RY'AKAZI K'UMWANYA W'UMUNYAMATEGEKO

FUCORIRWA ni Impuzamahuriro y'Amakoperative y'Abahinzi b'Umuceri mu Rwanda ikorera mu mujyi wa KIGALI , mu karere ka KICUKIRO, Umurenge wa KICUKIRO , Akagali ka KAGINA, Umudugudu wa Multimedia .Ifite inshingano zo guteza imbere igihingwa cy'umuceri mu kongera umusaruro mu bwiza no mu bwinshi, kongerera ubushobozi abahinzi b'umuceri no kubakorera ubuvugizi.

FUCORIRWA irifuza gutanga akazi ku myanya 2 ikurikira:

**1. UMWANYA W'UMUNYAMATEGEKO**

FUCORIRWA irifuza gutanga akazi k'umwanya w'umunyamategeko uzajya ahemberwa akazi yakoreye FUCORIRWA cyangwa abanyamuryango bayo bamukeneye :

Upiganira uyu mwanya agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba indakemwa mu mico no mu myifatire
3. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kigeze cyangwa kirenze amezi atandatu( 6)
4. Kuba afite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza( A0) mu by'Amategeko
5. Kuba Abarizwa mu rugaga rw'abavocat mu Rwanda
6. Kuba afite uburambe bw'imyaka 5 mu bikorwa by'ubwunganizi mu by'amategeko.
7. Kuba yemerewe kwemeza inyandiko zitandukanye ( Notification)

**SERIVICE UYU MUNYAMATEGEKO AZATANGA**

1. Gusuzuma ,Gutanga inama no gukora ubugororangingo bushingiye ku mategeko bw' inyandiko zitandukanye n'amasezerano akorwa hagati ya FUCORIRWA n'abafatanyabikorwa bayo
2. Kwemeza inyandiko n'amasezerano bitandukanye bikorwa hagati ya FUCORIRWA n'abafatanyabikorwa bayo.
3. Gutanga ubufasha mu by'amategeko ku banyamuryango ba FUCORIRWA bamukeneraho ubwunganizi.
4. Guhagararira no kunganira mu nkiko FUCORIRWA cyangwa abanyamuryango bayo aho bamukeneye.
5. Gufasha mu bukemurampaka ,ubwunzi n'ubuhuza.

**ICYITONDERWA: 1.** Abujuje ibisabwa barasabwa kuba bamaze gutanga dossier zabo kuri email : fucorirwa@gmail.com bitarenze kuwa **21/02/2023** isaa kumi n'imwe z'umugoroba **(17h00)** zikubiyemo Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w'Inama 'ubuyobozi ya FUCORIRWA , fotokoyi ya Diplome, CV, ibyemezo by'imirimo yaba yarakoze mu kunganira ibigo mu by'amategeko byibura ibigo 3 , indangamuntu-ID , Icyemezo cy'uko atafunzwe.
2. Upiganira uyu mwanya arasabwa kugaragaza mu ibaruwa isaba akazi ikiguzi yahabwa kuri serivise zagarajwe muri iri tangazo igihe yaba akoranye na FUCORIRWA mu kuyiha ubujyanama aho akenewe akuyemo ingendo, kuko zo zizajya ziganirwaho bitewe naho igikorwa giteganyijwe kubera.

**Uzatsindira uyu mwanya azabimenyeshwa kuri email ye na Telephone ye.**

CS CamScanner

## 2. UMUGENZUZI WIGENGA ( External Auditor)

FUCORIRWA irifuza gutanga akazi ku mwanya 'Umugenzuzi wigenga (External Auditor) uzayikorera ubugenzuzi umwaka umwe wa 2022 ni ukuvuga guhera muri Mutarama kugeza mu Ukuboza 2022.

upiganira uyu mwanya agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba ari indacyemwa mu mico no mu myifatire
3. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kigeze cyangwa kirenze amezi atandatu( 6)
4. Kuba ari Umugenzuzi wabigize umwuga kandi ukorera muri kampani z'ubugenzuzi zemewe mu Rwanda
5. Kuba asanzwe akorera ubugenzuzi amakoperative
6. Kuba atarigeze anengwa na Raporo z'izindi nzego mu bugenzuzi yakoze.

**INSHINGANO Z'UYU MUGENZUZI**

1. Gukorera FUCORIRWA ubugenzuzi ku bikorwa yakoze guhera muri **MUTARAMA kugeza mu kwezi k'UKUBOZA 2022.**
2. Gutanga inama zigamije kunoza imicungire n'imiyoborere ya FUCORIRWA
3. Gutegura no gushyikiriza FUCORIRWA Raporo y'ubugenzuzi.

**ICYITONDERWA: 1.** Abujuje ibisabwa barasabwa kuba bamaze gutanga dossier zabo kuri email : fucorirwa@gmail.com bitarenze kuwa **21/02/2023** isaa kumi n'imwe z'umugoroba **(17h00)** zikubiyemo Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w'Inama 'ubuyobozi ya FUCORIRWA , fotokoyi ya Diplome, umwirondoro-CV, ibyemezo byerekana ibigo byibura 3 yaba yarakoreye ubugenzuzi bibaye ari iby'amakoperative byaba ari akarusho , indangamuntu-ID , Icyemezo cy'uko atafunzwe , icyemezo cy'uko ari umugenzuzi ukorera muri kampani y'ubugenzuzi yemewe mu Rwanda.

2. Upiganira uyu mwanya arasabwa kugaragaza mu ibaruwa isaba akazi ikiguzi azahabwa na FUCORIRWA igihe yaba ayikoreye ubwo bugenzuzi.

**Uzatsindira uyu mwanya azabimenyeshwa kuri email ye na Telephone ye.**

Bikorewe I Kigali kuwa 13/02/2023

RWAMWAGA Jean Damascene

Perezida w'inama y'ubuyobozi ya FUCORIRWA

FEDERATION DES COOPERATIVES RIZICOLES FUCORIRWA AU RWANDA